GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA

Icyumweru cya 4 - Iminsi 100 yo Gusenga

Ku wa 17 - 23 Mata 2020

”NGWINO, URUHUKE AKANYA”

Byateguwe na Nina Atcheson

Umunsi umwe haramutse gitondo cyiza, nasanze inzu ituje cyane, nshatse umukobwa wanjye w’imyaka itatu ndamubura. Abavandimwe be bari bari gukina, ariko we ntiyari kumwe nabo. Naramuhamagaye ndamubura, nibaza aho ashobora kuba ari, ndahamagara nti:. “Tahiliya, uri hehe?” Ijwi ryanjye ryumvikaniye mu nzu, ariko nta wanyitabye. Nashatse mu byumba byose, ariko sinamubona.

Amaherezo, numvise ijwi rito rihamagara ngo “Mama ...” Ndebye mbona Umutwe we, ari guhamagarira inyuma y'intebe yanjye itukura. Aravuga ati:”Reba” Yarafashe mu ntoki igitabo cyacu cyo kuramya, yabumbuye ku rupapuro rwagaragaragaho ifoto ya Yesu n'abamarayika be bamanuka bava mu ijuru baza ku isi. Maze aravuga ati: “Mama, araje uyu munsi?” abaza, atunga urutoki ku idirishya ryari iruhande rwe.

Umutima wanjye waratuje mbonye ko yicaye, ategereje ko Yesu agaruka uyu munsi. Mu gitondo cya kare nari mu gutegura ifunguro rya mu gitondo, nsukura ibyo mu gikoni, kandi nkitaba telefone. Guhugira muri iyi mirimo 'yihutirwaga byarandangaje rwose bituma Yesu ntamwegurira umwanya uwo ariwo wose muri icyo gitondo. Imana yashatse kumbwira binyuze muri Tahiliya muri kiriya gihe. Byari nkaho yavugaga ati:,”Genda gahoro ,unyitegereze muri iki gitondo. Ndi hano. Kandi bidatinze ngiye kugaruka!” Tanga umwanya wo kubana nanjye…

Uyu munsi nyuma y' imyaka myinshi ishize, ndacyumva amagambo y'Imana imbwira iti:."Muze mwenyine ahihererereye, aho abantu bataba muruhuke ho hato" (Mariko 6:31). Araduhamagarira guhagarara tukareka guhugira mu bintu bidukikije bitubuza kubana na we. Bitari iby' akanya gato cyangwa nyuma y'imirimo yacu, ahubwo tugafata igihe cyo kubana n' urema ubugingo bwacu bundi bushya.

Muri iki gihe, benshi muri twe dusigaye tuguma mu ngo zacu kubera icyorezo cya Coronavirusi cyayogoje isi yose. Mu buryo bumwe, twasabwe guhagarara mu gihe twari dusanzwemo twihutamo muri ubu buzima. Ku bw'iyi mpamvu ubuzima bwacu bwarahindutse. Mbese uri gufata umwanya wo kuruhukana na YESU ahantu hihererereye? Mbese ujya utegera amatwi ijwi rito ry'Uwiteka rikurarika (1 Abami 19:12), riguhamagarira kugendana na We? (Yohana 15: 9)? Mbese ujya umuba bugufi kugira ngo urusheho kugira ubumenyi cyangwa ujya wuzuza mu mutima wawe urusaku rw'ibindi bintu birangaza?

Nkiri umwana muto, ndibuka ko naririmbye indirimbo yarimo aya magambo akurikira: "Igihe umaranye na Yesu kiba ari igihe cyakoreshejwe neza. Niwe uzaguhumuriza ni nawe Muyobozi wawe. "Igihe umaranye nawe kiba ari igihe cyakoreshejwe neza. Azahora buri gihe ahagaze iburyo bwawe. " Kubaka umubano wacu n'Imana tumarana igihe n'Umuhumuriza wacu akaba n'Umuyobozi wacu ni ingenzi cyane mu bihe tugezemo muri iki gihe. Igihe cyiza (aho kuba ingano cyangwa gihe kirekire) ni cyo kigira umumaro. Ni iki wakora kugira ngo uvugurure ibihe byawe ujya umarana n'Imana muri iki cyumweru?

Ita cyane kuri ibi bitekerezo bikurikira:

• Saba Imana iguhe ubushake bwo gufata igihe cyo kubana nayo.

• Bibiliya ntabwo igorana kwiga. Ni ijambo ry'Imana ritanga ubugingo, kandi Imana iragutegereje irashaka kuvugana nawe binyuze mu Ijambo ryayo.

• Ngwino uce bugufi kandi usenge mbere yo gusoma Bibiliya yawe, usabe Imana ikugezeho ubutumwa bwihariye ukeneye kumva muri iki gihe.

• Ushobora gufata umurongo umwe cyangwa igice gito cyo mu byanditswe Byera ukagisoma buri munsi. Maze ukavuga uti ni iki Imana ishaka kumbwira muri ubu butumwa? Ni gute ubu butumwa nabufashisha mugenzi wanjye muri iki gihe?

Imana iradutegereje yihanganye ko tugira ibihe byo kubana nayo buri munsi (Ibyah 3:20). Uzategereza mu buryo uzi ko hari icyo Imana yakora, nka Tahiriya, wifuza kugaruka Kwa Yesu? Uraza kuruhuka umwanya muto uri kumwe nawe mu gihe umutegereje?

Ibibazo byo kuzirikana: Ni iyihe nzitizi ikomeye ikubuza kumara igihe cyiza ubana n'Imana? Mbese hari inzitizi zatuma usaba Imana ngo izigukurireho kandi igukurireho ibirangaza byose? Ni buryo ki ibi bishobora guhindura amasengesho yawe n' akamenyero ko kwiga Bibiliya?

Ingorane z'ingenzi duhura nazo: Ahari Imana irashaka gukora mu bihe bigoye kandi bitugose kugira ngo idufashe kurangiza ibyo idukeneyeho mbere yuko Yesu agaruka. Aduha amahirwe adasanzwe yo kuruhuka umwanya muto turi muri We. Mbese ntiwakwemera kwakira ubutumire bwe? Reka tuzirikane amasezerano aboneka muri Yohana 15: 4, 5; Yesaya 26: 2, 3 na Mariko 6:33 mu gihe dushaka ikiruhuko n'icyizere muri We.

"Abakira Kristo binyuze mu Ijambo rye, bakamwegurira ubugingo bwabo ngo aburinde ubuzima bwabo bukagendera ku itegeko rye, bazabona amahoro n'umutuzo… Ubuzima bwacu bushobora gusa n'aho ari akajagari; ariko mu gihe twiyeguriye Umwigisha w'umunyabwenge, azaduha ubuzima bwiza n'imico myiza bizamuhesha icyubahiro" (Uwifuzwa ibihe byose. P.331 mu cyongereza).

Umunsi wa 22 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w’isabato,

17 Mata 2020

RAPORO YO GUSHIMIRA! Nubwo icyorezo cya COVID-19 cyogoje isi yose, Itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi rikomeje gutera imbere mu murimo ryahamgariwe wo kwamamaza ubutumwa bwiza Kandi hari abahanga udushya, bagashaka n’uburyo bushya bwo gukoresha mu kwamamaza ubutumwa bwiza hakoreshejwe ikoranabuhanga. Imana ihimbazwe.

Ibyifuzo byo gusengera byasabwe n’umuyobozi mukuru w’inteko rusange Pastor President Ted N.C Wilson.

1. Gusengera abizera bacu b'itorero n'abari mu gahinda ko kubura ababo bakundaga baherutse gupfa kubera icyorezo cya COVID-19. Senga usaba amahoro no guhumurizwa kw’imitima yabo. Senga usaba ngo abafashwe n’icyorezo cya Coronavirusi bakire.

2. Gusengera abizera b'itorero ngo bakurikize byimazeyo amahame agenga ubuzima bwiza ya NEWSTART (bisobanura imirire, imyitozo-ngororamubiri, amazi, izuba, kwirinda, Umwuka mwiza, ikiruhuko, no kwiringira Imana) nk'uburyo bwiza bwo kwitungira amagara mazima.
3. Gusaba kugira ngo twe nk'itorero dukomeze gushakisha uburyo bwiza bwo kwigisha abantu ubutumwa bwo kwitungira amagara mazima nk’uko Imana ibishaka, hamwe n'ubutumwa bw'Abamarayika batatu, aribwo butumwa bwacu buheruka bwo kubwira abatuye isi harimo no kwereka Imana ko dukeneye gusukirwa imvura y’umuhindo ariyo Mwuka wera. Mu gihe twitegura kugaruka kwa Kristo Yesu.
4. Gusabira abizera ngo bashishikarire kugira imibereho myiza ya gikristo ngo babe abahamya ku batarakira YESU, ntidukwiriye guta indangagaciro z’ubukristo, Ijambo ry’Imana, gukiranuka kwe, umurimo we wera, n'imbaraga ze zikiza nk’uko tubibona mu ntambara ikomeye.

5. Gusabira umuryango w'ivugabutumwa"Handitswe ngo" ufite amavuna azakora hakoresheje imbuga nkoranya mbaga insanganyamatsiko iragira iti: "ibyiringiro bikangura" azatangira mu gihugu hose. (Kugira ngo umenye byinshi wasura: https://www.discoverhopeawakens.com). Senga kugira ngo abantu benshi bazashobore kuyakurikira no kuyakunda.
6. Gusaba Imana kurinda igihugu cy'u Rwanda ngo Genocide yakorewe abatutsi mu 1994 ye kuzongera kubaho ukundi "Twibuke twiyubaka"

Umunsi wa 23 - Kwibanda ku masengesho - Isabato, 18 Mata 2020

Gukomezwa n'Ijambo

"Ikoreze Uwiteka umutwaro wawe nawe azakuramira. Ntabwo azakundira umukiranutsi kunyeganyezwa. **" Zab. 55:23**

"Bavandimwe bacu dukorana, tugire ubutwari muri muri Kristo;Imana izerekana kwizera kwacu. Umukristo ahora afite umufasha ukomeye ari we Nyagasani. Iyo ucogoye mu bikorwa byawe kuko udashoboye kubona ubufasha bukenewe, ujye wikoreza umutwaro wawe Nyagasani. Ujye unezezwa no kuwumwikoreza, uzi neza ko ari umwizerwa wasezeranijwe. Ntidusobanukirwa uburyo n'ibyo Nyagasani ajya adufashamo; ariko icyo tuzi ni uko, Uwiteka atazigera atsindwa igihe cyose umusanze wizeye. Iyo amaze guhitamo neza abakozi be, abongerera imbaraga kandi akabeza nk'uko izahabu igeragerezwa mu muriro. " Ellen White, ibaruwa ya 66, 26 Kamena 1901, igika. 29

Ibibazo byo kuzirikana:

Ni ubuhe buryo wumva Imana ikuza kandi ikagerageza kwizera kwawe? Ni ayahe masezerano amwe n'amwe ukunda yo muri Bibiliya, ukunda gusaba mu gihe uri ku rugamba? Nk'ikibazo tugomba kuzirikana muri iki cyumweru, kuki utashaka umurongo wa Bibiliya ugutera ubutwari

kandi ukawufata mu mutwe. Noneho ukawufashisha umuntu ucitse intege ukeneye kwongerwamo imbaraga.

RAPORO YO GUSHIMIRA: Turashimira Uwiteka ko iyo,turebye imbere, impfu nyinshi muri Amerika zikomoka kuri COVID-19 dusanga zizagenda zigabanuka cyane. Iki cyorezo kiragenda kigabanuka gahoro mu Burayi bwose, kandi bigaragara ko abantu babonye umucyo uhagije.

1. Gusabira abaganga b' inzobere mu by'ubuzima bari ku rugamba rwo kurwanya iki cyorezo. Gusaba Imana ngo ibarinde COVID-19 bagire n'umutekano w'umubiri wabo kuko hari abantu badashyira mu gaciro bakwiza ibihuha bavuga ko abaganga banduye.
2. Gusengera gahunda ya guma mu rugo no gusengera abatakijya ku mirimo yabo, no kugira ngo iki cyorezo kizahagare kugira ngo imirimo y'ubucuruzi izabashe gukomeza, n'ubukungu buzabashe kuzamuka.
3. Gusengera amashyirahamwe menshi, hamwe n'ubucuruzi bucirirtse bwahagaze bitewe na gahunda ya guma mu rugo no kugira ngo igihe iki cyorezo kizaba kirangiye abantu bazabashe kwongera gusubira mu mirimo yabo y'ubucuruzi.
4. Gusabira abagore n'abana bari mu bihe bibi kandi bakeneye kurindwa. Senga ngo haboneke uburyo bwo gufasha abatishoboye n'abafite intege nke bo mu gice utuyemo.
5. Gusabira abakorera mu mabanki, mu maduka y'ibiribwa, kuri sitasiyo za lisansi, no mu bundi bucuruzi bw'ingenzi. Basabire kugira ngo barindwe iki cyorezo cya Coronavirusi mu gihe bakorana n'abantu benshi babagana.
6. Gusaba Imana kudutsindira igitero cy'inzige mu bihugu bya Africa y'Iburasirazuba. Gusabira abaturage bahanganye n'icyo gitero cy'inzige kandi Imana irinde igihugu cyacu cy'u Rwanda.

Umunsi wa 24 - Icyerekezo cy'amasengesho - Ku wa mbere w’isabato, tariki ya 19 Mata 2020

Gutinya Ijambo rye

“Abakomeye bajya bangenzereza ubusa,ariko amagambo yawe niyo ahindisha umushyitsi umutima wanjye. **” Zab. 119: 161-162**

“Twumva ijwi ry’Imana binyuze mu ijambo ryayo;ni ukuri koko niba twumvise iryo jwi dukoresheje amatwi yacu. Turamutse tubimenye, twafungura Ijambo ry’Imana umutima wacu uhinda umushyitsi kandi n’umwete mwinshi twashakishamo amategeko yayo. Gusoma no gushakashaka mu Byanditswe byafatwa nk’ikimenyetso cy’uko dutegeye amatwi Imana itagira iherezo. ” Umuhamagaro wo gutandukana, p. 69

Ibibazo byo kuzirikana:

Wigeze usoma umurongo muri Bibiliya maze ukibwira uti: "Ibyo byari ibyanjye gusa! Nigute Imana yamenye ibyo nkeneye uyu munsi? ” Mu gihe ugenda umunsi ku munsi, tekereza ku mpamvu zose zituma ushobora kwishima kubera Ijambo ry’Imana. Mu byukuri, ni kuki utakwandika urutonde rw’impamvu ushima Ijambo ry’Imana. Ugatangira uvuga uti: “Nkunda Ijambo ry'Imana kuko… (Kandi wuzuze aho hari utudomo).” Niba ufite ikibazo cyo gutekereza ku byo wakuzuzamo, soma **Zaburi 119.**

RAPORO YO GUSHIMIRA: Turashimira Uwiteka ko itorero ry'Abadiventisti muri Guatemala ryabonye uburyo bwo gutanga ibiribwa.Muri byo twavuga “umuceri, ibishyimbo, ibigori, amavuta, umunyu, n'isukari ku bihumbi by'abayoboke b'iryo torero bari muri gahunda ya guma mu rugo. Iki cyabaye ikimenyetso cy’ abayoboke b'itorero bashaka gufatanya imitwaro bahura nayo.

1. Gusengera umugabane wa Afurika uhanganye no kurwanya icyorezo cya Coronavirusi. Sengera abayoboke b'itorero ryacu bafite ikibazo cyo kubura ubuvuzi buhagije. Senga kugira ngo umubare w'abanduye n'abapfa batazangana n'uko **ABAHANGA BABIBONAGA.**
2. Gusengera abafite ibibazo binyuranye ibihumbi n'ibihumbi ku isi, bagize 69% by'abatuye isi, batarakira neza Yesu Kristo. Saba Imana uburyo bushya bwo kubagezaho ubutumwa bwiza muri iki gihe cy'icyorezo..
3. Gusaba ngo tugire umutima wo kwihana no guca bugufi kuri twese kubyerekeranye n'ibihe tutakiranukiyemo Imana ngo tube abizerwa mu buzima bwacu n'abahamya mu byo twizera.
4. Gusabira ukwiyongera kw' abayoboke b'itorero bazakorera Imana, bakunda bagenzi babo no kubwiriza Ijambo ry'Imana abayoboke bo mu yandi madini.
5. Gusabira abahinzi baharanira guhinga cyangwa gusarura imyaka badafite abakozi basanzwe babafasha kubera gahunda ya guma mu rugo.

Umunsi wa 25 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kabiri w'isabato 20 Mata 2020

Kwishimira mu ijambo ry'Imana

"Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye; Kuko nitiriwe izina ryawe, Uwiteka Mana Nyiringabo." Yeremiya. 15:16

"Nta kindi kintu wabasha kubona gituma umuntu agira ubwenge nyabwenge cyaruta kwiga Ibyanditswe byera. Nta kindi gitabo gifite imbaraga zo kuzamura ibitekerezo, gitanga imbaraga n' ubushobozi bw'umubiri, nk'ukuri kwagutse, gukomeye kubonerwa mu Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana riramutse ryigishijwe neza uko bikwiriye abantu bagira ibitekerezo byiza byagutse,

baba kandi abanyacyubahiro b'imico myiza, kandi bafite intego ihamye bidakunze kugaragara muri ibi bihe. ” Uburezi bwa Gikristo, p. 58

Ibibazo byo kuzirikana:

Ni ikihe kintu cyagushimishije cyane kandi cyakuzaniye umunezero mu kwiga Ijambo ry’Imana muri iki gihe? Ni Kuki utafata umwanya wo gusangira ibyo byishimo n’ undi muntu muri iki gihe?

RAPORO YO GUSHIMIRA: Mu mujyi wa New York byari byitezwe ko hazuzura abantu benshi mu bitaro bitagira ibitanda kandi bidafite ibitanga-muyaga bihagije. Ariko, nubwo byuzuye abarwayi, baracyafite umwanya mu bitaro, kandi turashima Uwiteka ko batabuze ibitanga- muyaga Iki ni igisubizo cy’amasengesho.

1. Gusabira abashinzwe umutekano nk’abapolisi,abasirikari n’abandi. Mu gihe imidugararo y’abaturage mu bihugu bimwe na bimwe ku isi yose igenda yiyongera kubera gahunda ya guma mu rugo, saba ngo habeho uburinzi bw’abagabo n’abagore.

2. Gusengera icyahoze ari Leta Zunze Ubumwe z’Abasoviyeti muri Diviziyo ya Euro-Aziya, birimo ibihugu nk'Uburusiya na Siberiya. Senga kugira ngo haboneke uburyo bushya buboneye bwo kugera ku baturage.
3. Gusengera ibihugu byakomeretse cyane bitewe n’icyorezo. Senga usaba ngo Imana ihe abantu gukundana urukundo rukomoka ku Mana. Saba Imana ngo ifashe za leta zibonere abaturage ibyo kurya cyangwa kujya guhinga imirima yabo. Abantu babarirwa muri za miriyoni mu Buhinde bari muri gahunda ya guma mu rugo ntibemerewe gusohoka mu ngo zabo, bivuze ko benshi bashonje.
4. Gusabira Abayobozi b’amatorero ngo Imana ibongerere ubwenge mu byemezo bikomeye bifatwa by'ejo hazaza ku bibazo by’ubukungu bitegura kuzahangana nabyo.
5. Gusaba Imana ngo iguhe ubwenge bwo kugabanya amafaranga asohoka udakomerekeje abo mubana kandi ugakomeza umurimo w’ingenzi n’inshingano Itorero ryahamagariwe zigakomeza gutera imbere.

Umunsi wa 26 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu w'isabato, 21 Mata 2020

Kuyoborwa n'Ijambo ry'Imana

"Yewe mwana w'umuntu we,yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi " **Mika. 6: 8**

"Turi mu bihe bikomeye cyane by'amateka y'isi.Turimu minsi y'imperuka.Imibereho yacu y'ejo hazaza n'iya bagenzi bacu kugira ngo tuzabone agakiza bizaterwa n'inzira duhitamo kunyuramo ubu. Dukeneye kuyoborwa n'Umwuka w'ukuri. Umwigishwa wa Kristo wese agomba kubaza ashishikaye ati: "Mwami, urashaka ko nkora iki?" Dukeneye guca bugufi imbere ya Nyagasani, twiyiriza ubusa no gusenga, dutekereza cyane ku Ijambo ry'Imana, cyane cyane ahavuga ibyerekeranye n'urubanza. Tugomba rero kugira ubunararibonye kandi buzima mu by'Imana. Nta gihe na gito tugomba gutakaza. Ibihe by'ingenzi kandi bifite akamaro biraba tubirebesha amaso; turi mu kibuga cya Satani. Abantu Imana yagize abarinzi ntibakwiriye gusinzira; umwanzi yihishe hafi, yiteguye kugira icyo akora mu mwanya uwo ari wo wose, uramutse ucitse intege kandi ugasinzira, yakugwa gitumo kandi akakugira umunyago we. " Umuhamagaro wo guhagarara ukundi, p. 69

Ibibazo byo kuzirikana:

Iyo uhuye n'ingorane mu gufata icyemezo, ni hehe ushakira ubwenge n'inama? Nibyo, tubwirwa ko mu bajyanama benshi harimo umutekano (reba Imig. 11:14). Ariko hejuru y'ubwenge bw'abo dukunda cyangwa abo twubaha, ni ayahe mahame dusanga mu Ijambo ry'Imana avuga uburyo bwo gufata ibyemezo?

(Reba Imig. 3: 5 ,6, Imig. 14:12, Mat. 6:33, Yer. 33: 3)

RAPORO YO GUSHIMA: Diviziyo y'amajyepfo y'Amerika ,ubu imaze imyaka 50 , ifite gahunda idasanzwe yo kwamamaza ubutumwa bwiza "**Icyumweru cy'umugisha**" muri Diviziyo

yose. Mu busanzwe, amatsinda mato ateranira iwabo mu ngo cyangwa ku matorero, ariko kubera iki cyorezo cya Coronavirusi, Diviziyo iri gutambutsa ubutumwa ibinyujije ku mbuga nkoranyambaga.Insanganyamatsiko iragira iti: "Urukundo rwanditswe n'amaraso," kandi bateguye gahunda idasanzwe y'abana, ingimbi, n'abantu bakuru. Turashimira Uwiteka ubu buryo bushya abayobozi b'amatorero bahisemo kugira ngo bageze ku bantu iby'urukundo rw'Imana.

1. Gusabira abantu bakiriye urukundo rwa Yesu, muri gahunda y'amavuna yateguwe na Diviziyo y'amajyepfo y'Amerika, kugira ngo bakomeze kugirana umubano usesuye na Kristo Yesu.
2. Gusaba ngo Imana itubashishe gukoresha umwanya w'igihe dushoje imirimo yo mu rugo kugira ngo tugikoreshe twiga Ijambo ry'Imana kandi twigishe abana bacu kwiga no gukunda Ijambo ry'Imana.
3. Gusabira ubwoko bw'Imana kugira ngo bukomeze gukiranukira Imana butanga kimwe cya cumi n'amaturo ndetse no muri ibi bihe tugiye guhura n'ingorane mu by'ubukungu.

4. Gusabira abantu bafite ibibazo mu kwishyura imyenda no kubonera amafunguro abagize umuryango wabo kubera ibibazo by'ubukungu byatewe n' icyorezo cya COVID-19 . Senga kugira ngo Imana ikomeze gutunga abana bayo kandi habeho ubuhamya bwinshi bw'uburyo Imana yasohoje gukiranuka kwayo muri ibi bihe twerekeramo.
5. Gusabira umurimo w'itorero muri Lebanoni kugira ngo Imana ibakemurire ibibazo byerekeranye n'umutungo mu byo bakeneye.Gusaba kandi ngo Imana ikomeze gushyigikira umurimo w'ivugabutumwa bwiza kugira ngo ukomeze kujya mbere.

Umunsi wa 27 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kane w'isabato 22 Mata 2020

Kuzurwa n'ijambo ry'Imana

"Icyo nsaba Uwiteka ni kimwe n'icyo nzajya nshaka:kuba mu nzu y'Uwiteka iminsi yose nzaba nkiriho, nkareba ubwiza bw'Uwiteka nkitegereza urusengero rwe. " **Zab. 27: 4**

“Mfite Umukiza wazutse. Muri we ndamwiringira, kandi ntazigera andeka ngo nkorwe n’isoni. Ntsinda mu izina rye. Niwe gukiranuka kwanjye. Ni ikamba ryanjye nishimira. Ntihakagire umuntu n’umwe ubura ibyiringiro igihe ahuye n’ikibazo. Ushobora kubona ko uri umunyabyaha kandi ko ntacyo wakwikorera.Nyamara muri uyu mwanya nibwo uba ukeneye Umukiza. Iyo ufite ibyaha ukabyatura ntuba utaye igihe. Iki gihe cyo kwatura ni igihe cy’izahabu. “Ariko ntitwatura ibyaha byacu,niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.**' 1Yohana 1: 9.** Abafite inzara n’inyota byo gukiranuka bazuzuzwa, nk’uko Yesu yabisezeranye. Umukiza mwiza, ateze amaboko yiteguye kutwakira kandi umutima we w’urukundo witeguye kuduha imigisha. ”Abajyanama b'Itorero, p. 48

Ibibazo byo kuzirikana:

Ni iki wifuriza abantu? Ni iki umutima wawe uri kunihira? Birashoboka ko utigeze utekereza kuri ibi muri iki gihe. Birashoboka ko uri ku rugamba rwo gushakisha imibereho. Cyangwa birashoboka ko utekereza ku mibereho yawe.Fata akanya gato utekereze aho ubona umunezero wawe mwinshi naho uvana ubufasha. Nkuko ubikora, tekereza kuri **Zaburi 27:4,** hanyuma usabe Uwiteka aguhe umutima usonzeye kuba imbere ye.

RAPORO YO GUSHIMIRA: Hakozwe video y’abafite ubumuga bwo kutumva, ku cyorezo cya coronavirusi yakozwe na Diviziyo y’uburengerazuba bwa’Afurika ikorera Abidjan, muri Côte d'Ivoire, itanga amakuru y'ingenzi kuri COVID-19 binyuze mu gusinya no ku nyito. Turashimira iki gikorwa cyiza cyakozwe kizafasha abantu bo mu matsinda atanduknye.

1. Gusaba Imana gufasha abana bayo bo muri Koreya y’amajyaruguru, Koreya y’amajyepfo, Ubuyapani n'Ubushinwa. Gusaba ngo abantu babe maso, baba abayobozi ba za leta zitandukanye , bahange amaso mu ijuru kuko basobanukiwe neza n’ ibimenyetso by'ibihe, kandi ko bidatinze Yesu agiye kugaruka.
2. Gusabira abari mu cyiciro cy’abafite ubumuga. Gusabira abita ku bafite ubumuga bwo kutumva,ubw’amaguru,n’abandi bafite ubumuga butandukanye. Gusabira ababaswe n’uburwayi bw'ibibembe n’abafite uburwayi budakira kugira ngo batirengagizwa cyangwa ngo bibagirane muri iki gihe.

3. Gusaba gusobanukirwa neza ko Yesu agiye kugaruka kandi ko dukwiye kumushakana umutima wacu wose no gucukumbura cyane mu Ijambo ry'Imana. Gusaba kugira ngo dusobanukirwe ukuri kwimbitse kwa Bibiliya nk' ibitabo bya Daniel n' Ibyahishuwe.
4. Gusabira abamisiyoneri bari ku mirimo yabo ahantu hatandukanye ku isi. Kubasabira ngo babone ibyo umubiri wabo ukeneye byose no kuba mu burinzi bw'Isumba byose.
5. Gusabira abamaze gukira icyorezo cya Coronavirusi ngo Imana ikomeze kubongerera imbaraga no kurindirwa mu burinzi bw'Isumba byose mu gihe basubizwa mu buzima busanzwe.

Umunsi wa 28 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu w'isabato, 23 Mata 2020

Gukomezwa n'ijambo ry'Imana

"Kuko Ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokoro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira" **Heb. 4:12**

"Ooh , abantu batinya Uwiteka! Ooh, Abantu bakunda Uwiteka! Ooh, intumwa z'Imana zikwiye kubabazwa n'abantu bagiye kurimbuka. Ntabwo rero bakwiye gupfa kuvuga ahubwo Imana izabongerera imbaraga mu buzima bwabo, kandi mu mitima yabo hazagurumana urukundo rw'Imana. Aho gucika intege bazahinduka abanyambaraga; kugira ngo bazabashe gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana. Bazumva ijwi rya Yesu rigira riti: "Dore ndi kumwe nawe buri gihe." Yesu azaba Umwigisha wabo; kandi kubwiriza Ijambo ry'Imana bizihuta kandi bigire imbaraga, rityaye kuruta inkota ityaye ubugi bwombi. " Abakora umurimo w'ivugabutumwa, p. 143

Ibibazo byo kuzirikana

Mu gihe utekereza ku **Baheburayo 4:12,** ubona Ijambo ry'Imana ryacumise mu mutima wawe? Waba waraciriwe urubanza n'ikintu wasomye mu Ijambo ry'Imana vuba aha? Waba waragize icyo ukora ku myizerere yawe cyangwa waba warigije ku ruhande imbaraga ya Mwuka Wera? Sangiza ibitekerezo byawe undi muntu. Hanyuma usenge kugira ngo utumva Ijambo ry'Imana gusa, rikunde Kandi ushake uburyo wabaho wumvira Ijambo ry'Imana.

RAPORO YO GUSHIMIRA: Turashimira Uwiteka ko binyuze mu kwizera hazaboneka abantu baziyegurura Imana nk'igisubizo cy'igikorwa cy'ivugabutumwa rifite insanganyamatsiko igira iti "Ibyiringiro by'umugisha". Turashimira Uwiteka kubyemezo by'abamaze kwiyegurira Kristo.

1. Gusabira abahuye n'ikibazo cy' icyorezo cya COVID-19 bari kwirwanaho bahangana nacyo cyangwa bafite inshuti zabo zihanganye n'indwara ya COVID-19.
2. Gusabira abizera b'itorero ku isi yose ngo bagire amahoro cyane cyane abafite ubwoba cyangwa bumva ko bari bonyine ntawe ubitayeho.
3. Gusengera miriyoni z'abantu bari ku rugamba rwo kurwanya COVID- 19 mu burasirazuba bwo hagati, mu bihugu nka Irani, Afuganisitani na Pakisitani. Senga kugira ngo muri iki gihe cy'icyorezo, Imana igenderere imitima y'abantu kugira ngo bamenye ukuri.
4. Gusengera gahunda nshya zo gutegura inama y'inteko rusange yimuriwe mu mwaka utaha ku wa 20-25 Gicurasi 2021, **i Indianapolisi**. Saba ngo inama izayoborwe na Mwuka wera, hazafatwe ibyemezo byiza bizatuma umurimo ujya mbere kandi Umwuka Wera azayobore ibikorwa byose kugeza ubwo bigeze ku musozo.
5. Gusabira Itorero gusukirwa imvura y'umuhindo kugira ngo umurimo Itorero ryahamagariwe urangire dutahe.